



August / Kanama 2021 Ikinyarwanda

# Uzabona ubutunzi buhoraho mu ijuru.

(Mk10,21)

**Kontakt:** Meinolf Wacker  
Kirchplatz 7  
59174 Kamen

**Mobil.:** +49-172-5638432  
**Mail:** [meinolf.wacker@go4peace.eu](mailto:meinolf.wacker@go4peace.eu)  
**Homepage** [www.go4peace.eu](http://www.go4peace.eu)

---

**Utanga arunguka!**  
**Who gives, wins!**

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Yari akomeye cyane ku myererere ye ya kiyahudi. Amategeko 10 yari ayazi neza kandi agerageza kuyakurikiza. Gusa muri we yari afite indi nzara yamuterega kumva adafite amahoro mu mutima – inzara yo kumenya igisobanuro nyacyo cy’ubuzima. Yari yarumvise bavuga ibyerekeye kuri Yezu. Umunsi umwe haboneka amahirwe yo guhura na we. Asiga byose, abirambika hasi yirukanka amusanga. Ni uko agwa imbere ye apfukamye aramubaza: „Mwigisha mwiza nakora iki ngo ndonke ubugingo bw’iteka?“ Ubwo Yezu yamwibutsaga icyo amategeko avuga, undi yaravuze ati: „Ayo mategeko yose uko yakabaye narayakurikije kuva mu buto bwanjye!“ Yezu yahise yumva inyota uwo muntu yari afite. Ni uko Yezu aramureba, aramuhobera, aramubwira ati: „Urabura kimwe gusa: Genda ugurisha ibyo ufite byose, ubihe abakene, wowe uzabona ubukungu mu ijuru; hanyuma uze unkurikire!“

Abyumvise amagambo ashira ivuga. N’umubabaro mwinshi arikubura aragenda. Ubu butumire bwa Yezu bwo gusiga byose, akaba ari we yiringira wenyine, yumvise atabushobora. Umutima we wari wiziritse cyane k’uburyo we yiyumvishaga uko ubuzima bugomba kumera, ku nshuti ze, kuri byinshi yagezeho mu buzima ndetse ku mutungo we. Kwiringira Yezu muri byose akiyimeza gusiga ibyo byose, bwari ubutumire bw’ijuru busa nko kwihandagazaho ariko yirunduriye mu Mana kugira ngo aronke ubuzima nyabwo yifuzaga.

„Ufite akanya ko nifuzaga gusaba Penetensiya?“ uko ni ko umusore umwe wigaga muri kaminuza yambajije. Ni uko twinjira mu Kiliziya. Penetensiya irangiye arambaza: „Wambonera akandi kanya?“ Ni uko tuguma aho. Ni uko atangira kuntekerereza iby’amasomo ye, iby’ubuzima bwe, ambwira uburyo yari abuze amahoro mu mutima. Mu bwitonzi bwinshi aransobanuzaga. Yibazaga niba bishoboka ko kuba Padiri byaba ari inzira ye. Nabonye mu maso ye hazengama amarira. Aramutse yiyemeje gukurikira icyo nzira, byari kuba ngombwa ko agira byinshi yigomwa. Hashize akanya twembi ducecetse. Ni uko ararira. Nyuma y’akanya arambwira ati: „Ni byo byiza! Wakoze kunkingurira umutima wawe!“ – Hacye imyaka itari mike nanejwe cyane no gutanga inyigisho mu misa ye y’umuganura. Abari aho nabatekerereje ukuntu ari intwari. Ubwo twasezeranagaho umunsi mukuru urangiye arambwira ati: „Sinari narigeze niyumvisha ko nanezerwa bigeze aha!“ – **Utanga, araronka! – Who gives, wins!**

Ku bw’itsinda go4peace

Meinolf Wacker